	Uburyo bwo gukusanya, gutunganya no gukwirakwiza amakuru kuri filiyeri y'imbuto mu Rwanda	Kode y'inyandiko: 41KR135I144v0
	IGICE CYA 4 : UBUMENYI BW'IMIKORERE MU BYA TEKINIKI	Itariki yo kujyanisha inyandiko n'igihe UKUBOZA 2007
IFISHI YA TEKINIKI ZO GUHINGA KIJYAMBERE : AMASHAZA		Inyandiko ikomatanyije

Inkomoko y'inyandiko	AJENDA Y'UBUHINZI / MINAGRI

Itariki inyandiko yasohokeyeho	2002

Umubare w'amapagi	2

IFISHI YA TEKINIKI ZO GUHINGA KIJYAMBERE : AMASHAZA

1. Aho akunda: Akarere k'amakoro, Isunzu rya Kongo-Nili n'Imisozi miremire y'Ububeruka

2. Ubutaka: bwiza mu rugero, buseseka, buhitisha amazi kandi bw'isi ndende

3. Amoko: - *Amashaza magufi* : Miranda
- *Amashaza ashingirirwa* : Nyagashaza, Kyondo

4. Ifumbire y'ibibora: Kg 100 kuri ari mw'itabira

5. Igihe cy'itera: Nzeri, Gashyantare - Werurwe

6. Igerambuto: Kg 0,55 kuri ari. Batera kuri cm 40 hagati y'imirongo na cm 20 mu murongo batera intete 2 mu kobo, muri cm 4 - 8 z'ubujyakuzimu.

7. Kuyakenura:

- Kubagara: - bwa mbere imbuto ifite cm 10 z'uburebure
  - bwa kabiri ifite cm 15 z'uburebure
- gusukira: igihe babagara bwa kabiri
- gushingirira: babagara bwa kabiri.
- Ni ngombwa gushingirira amashaza kuko biyarinda indwara, bigatuma umusaruro wiyongera

8. Ifumbire y'imvaruganda:

- rizobiyumu mw'itera (ivanze n'imbuto) iyo ishoboye kuboneka
- Kg 1 ya DAP kuri ari mw'itera iyo batateye ku mirongo;
- amashaza amaze kumera iyo bateye ku mirongo.

9. Indwara n'udukoko:

a) Asikoshitoze

Ikiyitera: **Ascochyta pinodes (agahumyo)**
Aho ifata: umunigo, igihimba, amababi n'imisogwe
Ibimenyetso: ibidomo bitoya byirabura bituma amababi ahinduka umuhondo nyuma akuma

Kuyirwanya: - gusimburanya imyaka ku buryo amashaza agaruka nyuma y'ibihe 3 cyangwa 4 by'ihinga kandi bagataba cyangwa bagatwika ibishazashaza bisigaye bamaze gusarura ;
- gutera umuti wa Impact ivanze na rusakazamuti : 0,8 L kuri ha kurabya bigeze hagati.

b) Ubuhunduguru bw'icyatsi kibisi

Irindi zina: **Acyrthosiphon pisum**
Aho ifata: amababi, igihimba, imimero ikiri mito no ku ntangiriro z'indabyo
Ibimenyetso: amashaza ahinduka umuhondo, amababi agata ireme
Kuburwanya: - guhinga kare
- sumicombi 30% cyangwa sumithion 50% 10 ml/10 L z'amazi kuri ari 1

c) Uruhumbu

Ikiyitera: **Erysiphe polygoni**
Aho ifata: igihingwa cyose uretse imizi
Ibimenyetso: utubara duto tw'ikigina twitwikiriye agafu k'umweru. Amababi afatwa igipande cyo hejuru, aba umuhondo, akuma maze akagwa. Imisogwe ifashwe ikiri mitoya, ita ireme maze ntinakure neza.
Kiyirwanya: - guterera igihe kugira ngo amashaza atazahura n'imvura nyinshi mu gihe cyo kwera ;
- gutera Impact ivanze na rusakazamuti : 0,8 L/Ha amashaza atangiye kurabya.

10. Iminsi yerera: iminsi 110 kugeza ku 140

11. Umurumbuko: Kg 12 cyangwa 13 kuri ari mu buhinzi bwa kijyambere

12. Guhunika: mu mifuka cyangwa mu nkangara (amashaza agomba kuba yumye neza)